REPUBULIKA Y'U RWANDA

NATIONAL INSTITUTE OF STATISTICS OF RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA NZERI 2018

10 Ukwakira 2018

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA NZERI 2018

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Nzeri 2018. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 1,2% mu kwezi gushize kwa Nzeri 2018 ugereranyije na Nzeri 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa munani (Kanama 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 2,1%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bizamukaho 1,2% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 4,0% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byazamutseho 10,3%.

Iyo ugereranyije Nzeri 2018 na Nzeri 2017, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byarazamutseho 1,6%.

Wagereranya ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) n'ukwezi kwa munani (Kanama 2018) ibiciro byazamutseho 0,2%. Iri zamuka rikaba ryaratewe ahanini n'ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byazamutseho 4,2% n'ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byazamutseho 1,2%.

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi gushize kwa Nzeri 2018, ibiciro mu byaro byagabanutseho 2,7% ugereranyije na Nzeri 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry'ibiciro mu byaro mu kwezi kwa munani (Kanama 2018) ryari ku kigereranyo kingana na -0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 2,7% mu kwezi kwa Nzeri ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 11,8%.

© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda */CPI Nzeri 2018*- **N° 09**

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) n’ukwezi kwa munani (Kanama 2018) ibiciro byagabanutseho 0,3%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n’igabanuka ry’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,4%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi gushize kwa Nzeri 2018 ibiciro mu Rwanda byagabanutseho 1,1% ugereranyije na Nzeri 2017. Twakwibutsa ko ihinduka ry’ibiciro mu Rwanda mu kwezi kwa munani (Kanama 2018) ryari ku kigereranyo kingana na 0,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro bigabanukaho 1,1% mu kwezi kwa Nzeri 2018 ni igabanuka ry’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 9,7%.

Iyo ugereranyije ukwezi kwa cyenda (Nzeri 2018) n’ukwezi kwa munani (Kanama 2018) ibiciro byagabanutseho 0,1%. Iri gabanuka ahanini ryatewe n’igabanuka ry’ibiciro by’ibiribwa n’ibinyobwa bidasembuye byagabanutseho 0,5%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y’ihindagurika ry’ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2017 kugeza muri Nzeri 2018.**

| **Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Nzeri 2017 kugeza muri Nzeri 2018** | | | | | | | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | *ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije* | | | | | | | | | | | | |
| | **2017** | | | | **2018** | | | | | | | | |
| | **09** | **10** | **11** | **12** | **01** | **02** | **03** | **04** | **05** | **06** | **07** | **08** | **09** |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 3,8 | 3,6 | 2,2 | 0,7 | 1,3 | 0,7 | 0,9 | 1,7 | 3,0 | 2,9 | 2,0 | 2,1 | 1,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 8,9 | 6,3 | 1,0 | -1,0 | -0,9 | -2,7 | -2,9 | -1,3 | 0,9 | 0,4 | -0,3 | -0,6 | -2,7 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 7,1 | 5,3 | 1,6 | -0,2 | 0,1 | -1,3 | -1,4 | -0,1 | 1,8 | 1,4 | 0,6 | 0,6 | -1,1 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 1,1 | 1,2 | -1,2 | -1,2 | 0,2 | 0,6 | 0,7 | 1,3 | 1,1 | -0,9 | -1,0 | 0,4 | 0,2 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,9 | 1,5 | -4,3 | -2,5 | -0,2 | 0,5 | 1,3 | 2,4 | 0,8 | -1,7 | -0,6 | 0,6 | -0.3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,5 | 1,4 | -3,0 | -1,9 | 0,0 | 0,5 | 1,1 | 1,9 | 0,9 | -1,4 | -0,8 | 0,5 | -0,1 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)
Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,
Tel.: (250) 571035 Fax: (250) 570705.
Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

**Abashinzwe imenyekanisha ry'imibare:**

MURANGWA Yusuf, Umuyobozi mukuru; yusuf.murangwa@statistics.gov.rw,

MURENZI Ivan, Umuyobozi mukuru wungirije; ivan.murenzi@statistics.gov.rw,

MWIZERWA J.Claude, Umuyobozi w'agateganyo w'agashami k'imibare y'ubukungu; claude.mwizerwa@statistics.gov.rw,

MUTETIJABIRO Lucie, Umukozi uhagarariye imibare y'ibiciro; lucie.mutetijabiro@statistics.gov.rw